



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2018

10 Gashyantare 2018

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2018**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,3% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2018 ugereranyije na Mutarama 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 0,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,3% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,7%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2018 na Mutarama 2017, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,9%.

Wagereranya ukwezi kwa Mutarama (Mutarama 2018) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ibiciro byiyongereyeho 0,2%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba (imboga n'ibindi) byiyongereyeho 1,7% n' ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,1%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2018 ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,9% ugereranyije na Mutarama 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ryari ku kigereranyo kingana na -1,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,9% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2018) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,9%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2018 ibiciro mu Rwanda byazamutseho 0,1% ugereranyije na Mutarama 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ryari ku kigereranyo kingana na -0,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,1% mu kwezi kwa mbere 2018 ni izamuka ry'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 9,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,6%

Iyo ugereranyije ukwezi kwa Mbere (Mutarama 2018) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2017) ibiciro ntacyahindutseho.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2017 kugeza muri Mutarama 2018.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Mutarama 2017 kugeza Mutarama 2018 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													2018
2017													2018
	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	7,4	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5	3,2	3,8	3,6	2,2	0,7	1,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	14,5	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5	9,4	8,9	6,3	1,0	-1,0	-0,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	12,0	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1	7,2	7,1	5,3	1,6	-0,2	0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,4	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1	0,2	1,1	1,2	-1,2	-1,2	0,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-0,3	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1	0,9	1,9	1,5	-4,3	-2,5	-0,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,3	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0	0,6	1,5	1,4	-3,0	-1,9	0,0
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; [yusuf.murangwa@statistics.gov.rw](mailto:yusuf.murangwa@statistics.gov.rw),

MURENZI Ivan, Deputy Director General; [ivan.murenzi@statistics.gov.rw](mailto:ivan.murenzi@statistics.gov.rw),

SIBOMANA Oscar, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR;

[oscar.sibomana@statistics.gov.rw](mailto:oscar.sibomana@statistics.gov.rw),

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

[lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw](mailto:lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw)